# Uzagira ibihimbano azana muri iri dini ryacu bitaririmo, bizamugarukira

Hadith yaturutse kwa Nyina w'abemera Umu Abdillah Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uzagira ibihimbano azana muri iri dini ryacu bitaririmo, bizamugarukira." No mu mvugo ya Muslim iragira iti: "Uzakora igikorwa kinyuranye n'idini ryacu kizaba impfabusa."
[Hadithi y'impamo] [رواه البخاري ومسلم]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko uzazana igihimbano mu idini cyangwa se agakora igikorwa adafitiye gihamya muri Qur'an na Sunat, kizamugarukira, kandi ntikizemerwa imbere ya Allah.

https://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/66514